# 317: Mukiza, wadutoreye Kuba nk'umubir' umwe

1. Mukiza, wadutoreye Kuba nk'umubir' umwe ; Urashaka yuko twera, Twihanganira byose.Ntushaka n'ibitatanya Abo waje guhlra; Urukundo rwawe, Mwami,Ruduhuz' imitima.

2. Yemw' abakundwa na Yesu,Na none nimwongere. Muvuge mwes' imbere ye Ibyo mwasezeranye. Kandi ni mwongera kumva K' urukundo rwatubye, Mumwingingish' imitima, Yemere kubuzuza.

3. Bana b'Imana Rurema,Ntimutinye kwitanga ; Mu kubaho kwanyu kose,Mukundane. mwihwema ! Umukiza wacu Yesu Ni kw ajy' atugirira, Ngo haboneke muri twe Ubuntu bw'Uwiteka

4. Mwami Yesu, wakomeje Isezerano ryacu; Kand' utwigishe kubana Mu rukundo nyakuri. Mwam' ujy' uruduh' iteka,Rudacogora rwose; Ni bwo bose bazamenya Yuko watwitoreye.

Visit us at indirimbo.com